**REPUBULIKA Y' U RWANDA** **RP/MIN 00028/2022/TGI/RSZ**

**URUKIKO RWISUMBUYE**
**RWA RUSIZI**

**ICYEMEZO N° 00001/2023/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na gatatu, umunsi wa 19 w'ukwezi kwa Mutarama;

Twebwe **NSHIMIYIMANA François Régis,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI, bwaregeye uru rukiko uwitwa **HARERIMANA Merci** mwene NYABYENDA Daniel na CAGUPEWA Danize, wari utuye mu Mudugudu wa Hepfo, Akagari ka Kamanyenga, Umurenge wa Nkanka, Akarere ka Rusizi, Intara y'Iburengerazuba, ubu akaba akurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera;

Tumaze kubona ko ikirego cy'ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko kigahabwa n° **RP/MIN 00028/2022/TGI/RSZ**, ubushinjacyaha bukurikiranyeho **HARERIMANA Merci** icyaha cyo kwiba giteganywa n'ingingo ya 166 y'itegeko no 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange,

Dushingiye ku ngingo za 160, 161 n'iya 162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ziteganya uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse ko **HARERIMANA Merci** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **21/03/2021** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**NSHIMIYIMANA François Régis**
**UMUCAMANZA**

**NYIRAMBONIGABA M.Thérèse**
**UMWANDITSI**